IMFASHANYIGISHO Y'ABAHINZI

Byateguriwe mu Rwanda, Gicuransi 2012

Rwona / Kurisuka

Kumenya imiterere y'ikibazo

Kurisuka ni icyatsi kibi gitungwa n'ibindi bimera bitandukanye byo mubwoko bw'ibinyampeke nk'ibihingwa by'ibigori n'amasaka, cyangwa ibyatsi bisanzwe. Icyatsi cya Rwona kigira ururabyo rw'umwura mu gihe amababi yacyo, y'ibara ry'icyatsi, ari mato mu bugali bwayo ariko asongoye. Uduti twa Rwona dutungwa nibyo tunyunyusa mu bindi bihingwa (ibinyampeke), harimo n'amazi bityo tukagwingira nyuma tugapfa.

Icyatsi cya kurisuka (iburyo) kinyunyuza amasaka. (Ifoto yafashwe na Hakizamungu Leon)

Kurisuka yaranduwe igashyirwa mu mwobo. (Ifoto yafashwe na Dr Mbwaga)

Uko iteye n'uko ikwirakwira

Rwona ni indiririzi y'ibindi bimera by'ibinyampeke. Imbuto zayo zitangira kumera iyo ibyo binyampeke nabyo byatangiye gukura; mu gihe ibyo biyitunga bidahari, imbuto zayo ziguma mu butaka kugeza no ku myaka makumyabiri. Agati kamwe ka Rwona gashobora kubyara utubuto kugeza ku bihumbi mirongo itanu (50.000). imbuto zayo zikwirakwizwa n'umuyaga, amazi, inyamaswa, abantu, ibikoreshwa mu buhinzi cyangwa imbuto n'ingemwe z'ibinyampeke zifite imbuto za Rwona.

Uko bayirwanya

- Kurandura no gutwika Rwona yose igaragara mu murima bigakorwa mu ntangiriro y'igihembwe cy'ihinga. Byaba byiza bikorwa Rwona itararabya.
- Gufasha imbuto za Rwona kumera mu bwinshi haterwa ku bwinshi ibinyampeke biyitunga.
- Kwirinda gukoresha imbuto z'ibinyampeke zituruka mu mirima yafashwe na Rwona.
- Kubisikanya ibihingwa mu murima cyangwa kuvanga n'ubwoko bw'ibihingwa bitanyunyuzwa na Rwona (nka Soya, ubunyobwa, ibishyimbo), ibi bituma imbuto za Rwona zimera, uduti tugakura mu gihe gito hanyuma tugapfa.
- Kwirinda kunyuza amatungo cyangwa kuyaragira mu mirima yafashwe na Rwona.
- Gukoresha inyongeramusaruro (Imborera) zituma igihingwa gikomera.

Izina ry'umwimerere > ***Striga hermontheca***

Iyi mfashanyigisho iberanye n'igihugo cy'u: Rwanda

BYATEGUWE NA: Leon Hakizamungu, Elie M Mugunga, Gertrude Night
Rwanda Agriculture Board, P.O. Box 5016, Kigali
tel: +250 (0)78 868 6690 email: lhakizamungufr@yahoo.fr

Byatunganyijwe na Plantwise

Plantwise is a global initiative led by CABI

Lose Less, Feed More